

**Ba Nyakubahwa ba Ministres,
Nyakubahwa Umugaba Mukuru w'Ingabo,
Babyeyi, Bavandimwe muri hano,
Rubyiruko, Bana bacu dukunda, Mwiriwe neza!**

Nejewe no kubaramutsa, mbifuriza Noheli nziza n'Umwaka mushya muhire wa 2015. Ntako bisa kubona dusoje umwaka wa 2014 turi amahoro, tukaba tugiye gutangira undi mwaka duseka kandi twishimye.

Mbanje gushimira abantu baje kwifatanya natwe uyu muni wo kuganira, kwishimana no guha urukundo abana bacu, batuye muri uru rugo rwiza rwatwakiriye ndetse n'abaturutse muri famille Umumararungu.

Igihugu cyacu kimaze imyaka 20 cyiyubaka, kigarura ubuzima n'icyizere mu banyarwanda bose. Ubu tukaba twishimira ko abari abana mu gihe cya genocide yakorewe abatutsi, ubu ari ababyeyi bizihye ingo zabo, abandi ari urubyiruko rubereye u Rwanda.

Nkuko byavuzwe n'abandi, mu myaka icumi ishize, bamwe mu babyeyi biyemeje gushakira icumbi abana batagiraga aho baba mu biruhuko, cyane cyane abana b'abakobwa aribo bitwa famille Umumararungu. Ibi bikaba byarakozwe kandi bikagerwaho neza nkuko mwabyumvise mu buhamya bwabo bana.

Tukaba twongeye gushimira, abantu bose bagize uruhare ngo ibyo bikorwa bishoboke, ariko kandi turanashimira ababyeyi hamwe na

bakuru banyu, bakomeje kubaba hafi, bakiyemeza kubaherekeza mu buzima bwa buri munsu.

Rubyiruko bana bacu, twashimye ko mushima kandi natwe tunejwe n'urwego mugezeho cyane cyane uburyo mutekereza kuri ejo hanyu. Turabashima namwe kandi kuba mwaradukundiye mukemera uburere mwahawe. Ubundi mu kinyarwanda bavuga ko "Uburere bwiza bucisha imfura mu mwijima". Tuzi neza ko hariya murugo mu Rugando, mwabanye neza, mufashanya, mukundana, mufitanye urugwiro kandi mwubahana muri byose.

Abenshi muri mwe, mumaze kwiyubaka kandi mufite icyerecyezo cyiza cy'ubuzima bwanyu, muzi ko mwagiye mwegerwa na bakuru banyu, babaye hafi, bakabakurikirana, bakabagira inama, bakababera ababyeyi. Turabasaba namwe rero ko ibyo byababera umuco, mugakomeza kuba hafi ya barumuna banyu, ari ababa hano cyangwa ahandi. Kubaba hafi tubasaba, ni ukubagira inama, kwegera cyane cyane abagifite integere nke, batarabasha kwiyubaka.

Turashima kandi umuryango wa AERG, ibikorwa byiza ukora, harimo kwegeranya abanyamuryango bawo. Duhora dushima uburyo mwubatse imiryango mwita za families bikaba bibafasha kurerana, kubakana no guhanana. Mwagize igitekerezo cyiza, cyo kugira uru rugo, kuko mwabonaga ko hakiri abana benshi bakomeje kutagira aho bataha mu biruhuko, mukaba mwariyemeje gushinga One Dollar Campaign, yabyaye igikorwa twese dushima hano. Turashimira kandi n'abunganiye Leta bakitanga ngo iyi AERG Hostel ibeho. Nkuko mwabitubwiye ikaba itari icumbi gusa ahubwo, ikaba ari n'isoko y'ubumenyi n'uburere by'abahatuye.

Banyamuryango ba AERG, uyu ni umusingi mwahawe wo kugirango, mwiteze imbere no kugirango mukomeze mugere ku nshingano mwiyeje. Turabasaba gukomeza kugira ibitekerezo byagutse, no guhora mushyize umutima, ku byabateza imbere ndetse no kubaka igihugu. Ubu urugendo rwangombwa mumaze kurugenda, urusigaye nirwo rworoshye kandi tubabonamo imbaraga n'ubushobozi bitagereranywa.

Ku bana batuye hano namwe, nubwo uru rugo ari rushya ariko ubu buzima si bushya nkuko mwabyumvise, bwari busanzwe no muri famille umurarungu, turasaba bamwe mubahabaye gukomeza kubibasangiza, ndetse abatuye aha bazagire uruhare mu kumenyereza abandi maze muzakomereze hamwe inzira nziza, yo kubana kivandimwe mwubakana. Uburyo abantu bakuru, bafashije kandi bakaba hafi Abamararungu, ni nako bizakomeza kugenda kuri mwebwe muba hano kuko ni inshingano twihaye.

Rubyiruko bana bacu, akenshi iyo duhuye namwe, tunezezwa no kubagira inama kuko umubyeyi wese, aba yifuza ko abana be bazakura bakavamo abantu bazima, bafite ubwenge, umuco n'imyitwarire myiza. Niyo mpamvu tubasaba, ngo mujye mudutega amatwi mwumve ibyo tubabwira kuko turabakunda.

Igihugu cyacu, kiyemeje guteza imbere urubyiruko, kuko ari rwo mbaraga n'ubukungu bwacu. Abenshi muri twe ntabwo twabonye amahirwe yo kugira igihugu kidukunda, tuzi rero agaciro ko kutagira urwo rukundo rw'igihugu. Ayo ni amateka yacu nk'abanyarwanda, amateka tudashobora gusiba ariko kandi duhora duharanira guhindura. Rubyiruko bana bacu, mwabuze ababyeyi ariko ntabwo mwabuze igihugu kuko twiyemeje ko u

Rwanda rutazongera gupfa ukundi, u Rwanda ruzirinda ko abarwo batonekara.

Niyo mpamvu mwebwe tubasaba ngo mukoreshe neza, ubu buryo mufite. Kandi ibyo tubasaba ntabwo ari byinshi nta nubwo bigoye kuko twe ibyo tubifuriza nibyiza kandi ni inzira zo kubigeraho zirahari.

Bana bacu, bato beza bacu, Igihugu cyacu cyahisemo kuduha agaciro, natwe rero tugomba kumenya guhitamo neza. Nigeze kubikomozaho, aho mugeze ni heza, ubu twavuga ko ibibazo byinshi mumaze kubirenga ariko nagirango mbibutse ko mugomba kubaho kabiri. Muriho ku bwanyu ndetse no ku bw'abanyu mwabuze.

Niyo mpamvu mugomba gukora cyane. mugahorana ishyaka kugirango mubigereho. Turabagira inama ngo mushyire imbere kugendera ku ndangagaciro zibubaka. Mugire imyitwarire myiza, mugire abantu mufataho nk'urugero ba role model, mumenye kugisha inama kuko ibyo munyuramo mu buzima hari ababinyuzemo.

Abenshi muri mwe muri kurangiza amashuri makuru na za Kaminuza, turabasaba kwigira mushyizeho umwete, mwige mwitegura guhangana n'isoko ry'umurimo, gutinyuka hanze, ariko cyane cyane mukomeze gufashanya nkuko bisanzwe bibaranga. Abarangije amashuri n'abari mu mirimo, namwe muharanire gukora neza, mukunde ibyo murimo kandi muhore mushaka kubiteza imbere. Ikindi tubasaba ni ukubera barumuna banyu

urugero rwiza kandi mugakomeza kubaherekeza mu ntambwe z'ubuzima bwabo (mentors).

Nagira ngo nsoze nsaba ababyeyi na bakuru banyu, turi kumwe hano, gukomeza kubaba hafi kugira ngo mukomeze kwiteza imbere, mugire indangagaciro maze tujye twishimira ko twabyaye neza.

Nongeye kubifuriza umwaka mwiza wa 2015, uzatubere umwaka w'amahoro, umwaka w'umunezero, umwaka w'iterambere, umwaka wo gutsinda muri byose. Imana izaturindire ubuzima.

Murakoze, Mukomeze mugire ibihe byiza